

<p>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°1..... YO KUWA 12/04/2019 AGENA UBURYO BWO GUSIMBURA UMWARIMU BY'AGATEGANYO N'IMICUNGIRE Y'UMWARIMU W'UMUSIMBURA</p>	<p>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°...1... OF 12/04/2019 DETERMINING THE MODALITIES FOR TEMPORARY REPLACEMENT OF A TEACHER AND THE MANAGEMENT OF A SUBSTITUTE TEACHER</p>	<p>INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°...1... DU 12/04/2019 DETERMINANT LES MODALITES DE REMPLACEMENT TEMPORAIRE D'UN ENSEIGNANT ET LA GESTION DE L'ENSEIGNANT REMPLAÇANT</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIERES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Ikigamijwe n'aya mabwiriza</p>	<p><u>Article One :</u> Purpose of these instructions</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet des présentes instructions</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Amashuri arebwa n'aya mabwiriza</p>	<p><u>Article 2:</u> Scope</p>	<p><u>Article 2:</u> Champ d'application</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Gusimbuza by'agateganyo umwarimu utari mu kazi n'impamvu z'isimbuzwa</p>	<p><u>Article 3:</u> Temporary replacement of an absent teacher and reasons for temporarily replacement</p>	<p><u>Article 3:</u> Remplacement temporaire d'un enseignant absent et les motifs de remplacement temporaire</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Imicungire y'umwarimu w'umusimbura</p>	<p><u>Article 4:</u> Management of substitute teacher</p>	<p><u>Article 4:</u> Gestion de l'enseignant remplaçant</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Umushahara w'umwarimu w'umusimbura</p>	<p><u>Article 5:</u> Salary of a substitute teacher</p>	<p><u>Article 5:</u> Salaire d'un enseignant remplaçant</p>

<p><u>Ingingo ya 6:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza</p>	<p><u>Article 6:</u> Authorities responsible for the implementation of these instructions</p>	<p><u>Article 6:</u> Autorités chargées de l'exécution des présentes instructions</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza</p>	<p><u>Article 7:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 7:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 8:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 8:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 11/06/2019 YO KUWA AGENA UBURYO BWO GUSIMBURA UMWARIMU BY'AGATEGANYO N'IMICUNGIRE Y'UMWARIMU W'UMUSIMBURA</p> <p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 24/01 ryo ku wa 24/11/2016 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye;</p> <p>Amaze kubona ko umwarimu agomba gusimburwa by'agateganyo mu buryo bwihuse kubera ko abanyeshuri batagomba gutegereza igihe umwarimu wagize impamvu zituma adakomeza imirimo ye azagarukira mu kazi;</p> <p>Ashingiye ku myanzuro y'inama yo ku wa 17/5/2019 yahuje abayobozi bakuru ba Minisiteri ifite uburezi mu nshingano, Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano na Minisiteri ifite Imari mu nshingano;</p>	<p>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 11/06/2019 OF DETERMINING THE MODALITIES FOR TEMPORARY REPLACEMENT OF A TEACHER AND THE MANAGEMENT OF A SUBSTITUTE TEACHER</p> <p>The Minister of Public Service and Labor;</p> <p>Pursuant to the Presidential Order N°24/01 of 24/11/2016 establishing special statutes governing teachers in nursery, primary and secondary education;</p> <p>Having realized that there is a need of quick temporarily replacing a teacher who is temporary absent because the students do not have to wait for the return of an absent teacher;</p> <p>Pursuant to the resolutions of the high level meeting held on 17/5/2019 between the Ministry in charge of Education, Ministry in charge of Public Service and the Ministry in charge of Finance;</p>	<p>INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N° 11/06/2019 DU DETERMINANT LES MODALITES DE REMPLACEMENT TEMPORAIRE D'UN ENSEIGNANT ET LA GESTION DE L'ENSEIGNANT REMPLAÇANT</p> <p>La Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p> <p>Vu l'Arrêté Présidentiel N° 24/01 du 24/11/2016 portant statut particulier des enseignants d'éducation préscolaire, primaire et secondaire;</p> <p>Ayant réalisé qu'il est nécessaire de temporairement remplacer rapidement l'enseignant qui est absent d'une manière temporaire puisque les élèves ne doivent pas attendre le retour d'un enseignant absent ;</p> <p>Conformément aux résolutions de la réunion, tenue en date du 17/5/2019, des hautes autorités du Ministère ayant l'Education dans ses attributions, le Ministère ayant la Fonction Publique dans ses attributions et le Ministère ayant la Finance dans ses attributions;</p>
---	---	--

<p>ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Ikigamijwe n'aya mabwiriza</p> <p>Aya mabwiriza agena uburyo bwo gusimbura umwarimu by'agateganyo n'imicungire y'umwarimu w'umusimbura.</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Amashuri arebwa n'aya mabwiriza</p> <p>Aya mabwiriza areba amashuri ya Leta n'ahuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano y'incuke, abanza, ayisumbuye, ay'imyuga n'ubumenyingingiro atari ku rwego rw'amashuri makuru.</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Impamvu n'uburyo bwo gusimbuza umwarimu by'agateganyo</p> <p>Umwarimu ugize imwe mu mpamvu zikurikira, asimbuza by'agateganyo n'undi mwarimu uri ku rutonde rw'abatsinze ikizamini cy'akazi:</p>	<p>ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:</p> <p><u>Article One :</u> Purpose of these instructions</p> <p>These instructions determine modalities for temporary replacement of a teacher and the management of a substitute teacher.</p> <p><u>Article 2: Scope</u></p> <p>These instructions apply to public and Government subsidised nursery, primary, secondary, technical and vocational education and training, schools below the level of higher education.</p> <p><u>Article 3: Reasons and modalities for temporary replacement of a teacher</u></p> <p>A teacher who is temporary absent due to one of the following reasons, is temporary replaced by a candidate teacher who is on the waiting list of those who have successfully passed examination:</p>	<p>EMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:</p> <p><u>Article premier:</u> Objet des présentes instructions</p> <p>Les présentes instructions déterminent les modalités de remplacement temporaire de l'enseignant et la gestion de l'enseignant remplaçant.</p> <p><u>Article 2: Champ d'application</u></p> <p>Les présentes instructions s'appliquent aux écoles publiques et conventionnées maternelles, primaires, secondaires ainsi que les écoles techniques et professionnelles de niveau inférieur à celui des écoles supérieures.</p> <p><u>Article 3: Motifs et modalités de remplacement d'un enseignant</u></p> <p>L'enseignant temporairement absent pour l'un des motifs suivants, est remplacé temporairement par un candidat enseignant figurant sur la liste d'attente des candidats ayant réussi l'examen:</p>
--	---	---

<p>1° ikiruhuko cyo kubyara; 2° amahugurwa arengeje iminsi cumi n'itanu (15); 3° ikiruhuko kirekire cy'uburwayi; 4° indi mpamvu yatangiwe uruhushya ituma umwarimu ataboneka mu kazi mu gihe kirenze iminsi cumi n'itanu (15).</p> <p>Iyo ku rutonde rw'abatsinze ikizamini cy'akazi batarashyirwa mu myanya, nta mu kandida uhari wujuje ibisabwa, Akarere gakoresha ikizamini cyanditse gusa, umukandida warushije abandi amanota akaba ariwe ushyirwa mu mwanya.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Imicungire y'umwarimu w'umusimbura</u></p> <p>Umwarimu w'umusimbura agirana amasezerano y'umurimo n'Umuyobozi w'Akarere ikigo agiye kwigishaho gisherereyemo afite igihe kingana n'icyo uwo asimbura azamara ataboneka mu kazi.</p>	<p>1° maternity leave; 2° training of more than fifteen (15) days; 3° long term sick leave; 4° any other authorized reason of absence for more than fifteen (15) days.</p> <p>In case there is no candidate on the waiting list of those who have successfully passed examination that fulfills the profiles, the District conduct only written examination and the best successful candidate is appointed.</p> <p><u>Article 4: Management of substitute teacher</u></p> <p>A substitute teacher signs a contract of employment with the Mayor of the District where the school is located, for the period of absence of the teacher to be replaced.</p>	<p>1° congé de maternité; 2° formation de plus de quinze (15) jours; 3° congé de maladie d'une longue durée; 4° toute autre motif d'absence temporaire autorisée de plus de quinze (15) jours.</p> <p>Dans le cas où il n'y a pas de candidat sur la liste d'attente de ceux qui ont réussi l'examen qui remplit les profiles, le district donne seulement un examen écrit et affecte le le meilleur candidat.</p> <p><u>Article 4: Gestion de l'enseignant remplaçant</u></p> <p>Un enseignant remplaçant signe un contrat de travail avec le Maire du District où se trouve l'école, pour la durée d'absence de l'enseignant à remplacer.</p>
--	--	--

<p>Iyo habonetse umwanya w'umurimo uhoraho wagombaga gushyirwamo umwarimu wagiye gusimbura akuwe ku rutonde rw'abatsinze ikizamini batabonewe umwanya, ushyirwamo by'agateganyo umusimbura, ushakwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 3 y'aya mabwiriza, kugeza igihe amasezerano y'umwarimu w'umusimbura uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo azaba arangiye akaba ariwe uwushyirwamo mu buryo buhoraho.</p>	<p>In case an opportunity of a permanent job position arises on which a substitute teacher would be appointed, such permanent position shall be filled temporarily in line with the provisions of article 3 of these instructions until the contract of the substitute teacher mentioned in paragraph one of this article ends, to allow the substitute teacher to be placed in that permanent position.</p>	<p>En cas d'opportunité de vacance d'un emploi permanent auquel l'enseignant remplaçant aurait été placé, cet emploi permanent doit être occupé temporairement par un remplaçant recruté conformément aux dispositions de l'article 3 des présentes instructions jusqu'à l'expiration du contrat de l'enseignant remplaçant mentionné à l'alinéa premier du présent article, pour permettre à l'enseignant remplaçant d'être placé à ce poste permanent.</p>
<p>Iyo amasezerano y'akazi arangiye, umwarimu w'umusimbura asubizwa ku rutonde rw'abarimu batsinze ikizamini batashyizwe mu myanya kandi agashyirwa ku mwanya yakagombye kuba agezeho. Mu gihe umwarimu wasimbuwe agarutse mu kazi mbere y'uko amasezerano y'umwarimu w'umusimbura arangira, ayo masezerano araseswa maze umwarimu w'umusimbura agahemberwa iminsi yakoze kandi agashyirwa ku mwanya yakagombye kuba agezeho.</p>	<p>At the expiration of the employment contract, the substitute teacher is re-registered to the waiting list of those who have passed the examination, but not yet appointed and put on the ranking order he or she would have occupied on the waiting list. When the replaced teacher resumes work before the expiration of the substitute teacher's contract, the employment contract of the substitute teacher is terminated and he or she is remunerated for the days he or she worked and placed on the ranking order he or she would have occupied on the waiting list.</p>	<p>A l'expiration du contrat de travail, l'enseignant remplaçant est réinscrit sur la liste d'attente des candidats qui ont passé l'examen mais ne sont pas encore affectés, et mis sur la place qu'il aurait occupé sur la liste d'attente. Lorsque l'enseignant remplacé reprend son travail avant l'expiration du contrat de l'enseignant remplaçant, le contrat de travail de l'enseignant remplaçant est résilié et il est rémunéré pour les jours prestés et est mis sur la place qu'il aurait occupé sur la liste d'attente.</p>

<p><u>Ingingo ya 5: Umushahara w'umwarimu w'umusimbura</u></p> <p>Umwarimu w'umusimbura ahabwa umushahara ungana n'uw'umwarimu w'umutangizi kuri uwo mwanya kandi banganya impamyabumenyi.</p> <p>Minisiteri ifite imari mu nshingano igena kandi igashyikiriza buri karere ingengo y'imari igenewe kwishyura imishahara y'abarimu b'abasimbura.</p>	<p><u>Article 5: Salary of a substitute teacher</u></p> <p>A substitute teacher is entitled to a salary equal to the salary of a beginner teacher of the same qualifications on the same position.</p> <p>The Ministry in charge of finance determines and allocates to every District the budget for salaries of substitute teachers.</p>	<p><u>Article 5: Salaire d'un enseignant remplaçant</u></p> <p>Un enseignant remplaçant bénéficie d'un salaire égal à celui de l'enseignant débutant de même qualification au même poste.</p> <p>Le Ministère ayant la Finance dans ses attributions détermine et alloue à chaque district le budget des salaires des enseignants remplaçants.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Abashinzwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza</u></p> <p>Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano, Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano na Minisiteri ifite imari mu nshingano bashinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza.</p>	<p><u>Article 6: Authorities responsible for the implementation of these instructions</u></p> <p>The Ministry in charge of Education, Ministry in charge of public service and Ministry in charge of finance are responsible for the implementation of these instructions.</p>	<p><u>Article 6: Autorités chargées de l'exécution des présentes instructions</u></p> <p>Le Ministère chargé de l'éducation, le Ministère chargé de la fonction publique et le Ministère chargé des finances sont responsables de la mise en œuvre de ces instructions.</p>

Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

Ingingo ya 8: Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni ashiriyeho umukono.

Kigali, ku wa 12/06/2019



RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Article 7: Repealing provision

Prior instructions contrary to these instructions are hereby repealed.

Article 8: Commencement

These instructions come into force on the date of their signature.

Kigali, on 12/06/2019



RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan
Minister of Public Service and Labor

Article 7: Disposition abrogatoire

Les instructions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

Article 8: Entrée en vigueur

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Kigali, le 12/06/2019



RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan
Ministre de la Fonction Publique et du Travail